



Republic
of Rwanda



nlsr
NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA



Raporo
y'Ukwezi

RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

Kanama 2026

NISR © 2026 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0
Photo de couverture : Igihe.com / 2018

Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda

Tel: +250 788 383103

Imeyili: info@statistics.gov.rw

Urubuga: www.statistics.gov.rw

Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda (PPI), Kanama 2026.

INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 21,1% muri rusange,
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 18,9%,
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 25,1%.

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 0,2% muri rusange,
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 0,2%,
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byagabanutseho 3,7%.

Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda

	2025					2026							
	Kanama	Nzeri	Ukwakira	ugushyingo	Ukubozza	Mutarama	Gashyantare	Werurwe	Mata	Gicurasi	Kamena	Nyakanga	Kanama
Ihindagurika mu mwaka													
Muri rusange	11,0	13,4	6,8	3,4	4,6	4,8	13,9	17,0	19,3	22,6	22,3	20,8	21,1
Ibicururizwa mu Rwanda	11,0	13,0	6,7	3,3	2,4	2,8	12,7	17,3	15,5	19,0	20,6	22,4	18,9
Ibyoherezwa mu mahanga	11,2	15,0	7,0	5,3	17,3	15,3	17,9	21,0	30,7	37,8	29,2	21,5	25,1
Ihindagurika ku kwezi													
Muri rusange	-0,4	2,5	-0,8	0,2	0,6	1,1	7,7	2,1	0,2	5,3	0,4	0,5	-0,2
Ibicururizwa mu Rwanda	3,2	0,4	-0,5	0,0	-0,4	1,3	8,4	1,8	0,4	4,7	0,8	0,6	0,2
Ibyoherezwa mu mahanga	-6,4	7,0	-1,6	2,0	9,0	-1,3	1,9	5,2	-1,7	10,2	-3,3	0,1	-3,7

1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda itangazwa buri kwezi.

2. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Kanama 2026, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 21,1%, ugereranyije na Kanama 2025. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 59,5% ry'ibiciro by'inganda zitunganya amabuye y'agaciro n'izamuka rya 21% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Kanama 2026 na Nyakanga 2026, ibiciro rusange byo mu nganda byagabanutseho 0,2%. Ibi byatewe n'igabanuka rya 9,9% ry'ibiciro by'inganda zitunganya amabuye y'agaciro. Ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye byazamutseho 0,4%.

3. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Kanama 2026, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 18,9% ugereranyije na Kanama 2025. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 20,7% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Kanama 2026 na Nyakanga 2026, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 0,2%. Ibi byatewe n'izamuka rya 0,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

4. IBICIRO BYO MU NGANDA KU BICURUZWA BYOHAREZWA HANZE

Muri Kanama 2026, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze y'igihugu byazamutseho 25,1% ugereranyije na Kanama 2025. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 59,5% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya amabuye y'agaciro. Ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye byagabanutseho 12,6%.

Ugereranyije Kanama 2026 na Nyakanga 2026, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byagabanutseho 3,7%. Ibi byatewe ahanini n'igabanuka rya 9,9% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya amabuye y'agaciro. Ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye byazamutseho 3%.

